REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISTERI Y'IBIDUKIKIJE

B P: 898, Kigali
Toll : 6080
E-mail:bulletin@meteorwanda.gov.rw
Website: www.meteorwanda.gov.rw

Ikinyamakuru ku miterere y'ibihe N°04/2020: **Taliki: Mata 2020**

Cyasohotse kuwa 03 Gicurasi 2020

Inshamake:

Muri iki kinyamakuru turasangamo ingingo eshatu z'ingenzi arizo; (i) uko ikirere cyari kimeze mu kwezi kwa Mata 2020, (ii) iteganyagihe ry'ukwezi kwa Gicurasi 2020, (iii) ingaruka zatewe n'ikirere mu kwezi kwa Mata 2020 ndetse n'izishobora kuba mu kwezi kwa Gicurasi 2020.

- Muri uku kwezi kwa Mata 2020; mu gihugu hose haguye imvura nyinshi cyane ugereranyije n'isanzwe igwa muri uku kwezi mu gihe cy'imyaka myinshi.
- Mu kwezi kwa Gicurasi 2020; hateganyijwe imvura iringaniye mu turere twose tugize igihugu, ikigero cy'imvura izaboneka kiri hagati ya milimetero 50 na 250.
- Muri Mata 2020; haguye imvura nyinshi ikaba yarangije ibintu byinshi bitewe n'imyuzure ndetse no gutenguka k'ubutaka muduce tumwe na tumwe mu gihugu. Hateganyijwe ko imvura izagabanuka mu kwezi kwa Gicurasi bizatuma ubuhehere bw'ubutaka buzakomeza kuba bwiza, bikazagira ingaruka nziza ku bihingwa n'inzuri.

Iriburiro

Ahenshi mu gihugu haguye imvura nyinshi cyane ugereranyije n'isanzwe ihagwa ubusanzwe muri uku kwezi kwa Mata.

I. Uko imvura yaguye hirya no hino mu gihugu muri Mata 2020 mu buryo burambuye

Muri uku kwezi kwa Mata 2020 imvura yaguye yari hagati ya milimetero 152.7 na 376.1. Imvura nyinshi yapimiwe ku bupimiro bwa Byimana ingana na milimetero 376.1. Intara y'Amajyaruguru, iy'Amajyepfo mu turere twa Kamonyi, Muhanga na Ruhango niho hapimwe imvura nyinshi kurusha ahandi.

Mu Mujyi wa Kigali ku bupimiro bwo ku Kibuga cy'Indege Mpuzamahanga cya Kigali hapimwe milimetero 202.2 na milimetero 315.5 ku bupimiro bwa Gitega. Mu Ntara y'Amajyepfo ku bupimiro bwa Nyamagabe hapimwe milimetero 236.9 na Byimana (376.1mm). Mu Ntara y'amajyaruguru hapimwe imvura mu buryo bukurikira: Gicumbi (372.4mm), Busogo (329.2mm) na Musanze (263.4mm). Mu Ntara y'Iburengerazuba ku bupimiro bwa Rusizi (167.4mm), Rubavu (152.7mm), Rubengera (250.2mm) na

Bugarama (231.7mm). Mu Ntara y'Iburasirazuba ku bupimiro bwa Nyagatare hapimwe milimetero 182.8, milimetero 232. zapimwe ku bupimiro bwa Ngoma na milimetero 261.5 ku bupimiro bwa Nyagatare.

Iyi mvura yatewe n'uko isangano ry'imiyaga ishyushye ituruka mu gice cy' Afurika y'Amajyaruguru n'ikonje ituruka mu gice cy'Afurika y'Amajyepfo yahuriye mu karere u Rwanda ruherereyemo.

Igiteranyo cy'imvura ku bupimiro butandukanye (muri mm)

Ubupimiro	Mata 2020	Mata
Kigali	202.2	162.9
Gitega	315.5	100.1
Nyamagabe	236.9	172.1
Byimana	376.1	184.4
Gicumbi	372.4	166.5
Busogo	329.2	184.5
Musanze	263.4	187.1
Bugarama	231.7	145.9
Rusizi	167.4	159.9
Rubavu	152.7	146.9
Rubengera	250.2	121.2
Ngoma	232	170.3
Kawangire	261.5	161
Nyagatare	182.8	103.4



Imbonerahamwe ya 1 Ishusho 1; ikigeranyo cyimvura ya Mata 2020 nisanzwe igwa m uminsi myinshi

Ikarita zikurikira **1&2** zigereranya igiteranyo cy'imvura yaguye muri Mata 2020 ndetse n'imvura isanzwe igwa muri uko kwezi.



Ikaritaya1: Imvura yaguye (mm) muri Mata 2020



Ikarita 2: Imvura isanzwe igwa (mm) muri Mata

II. Ubusesenguzi ku bushyuhe

Impuzandengo y'ubushyuhe bwo hejuru yari hagati ya 21.0^{0}C ku bupimiro bwa Gicumbi mu Karere ka Gicumbi na 30.1^{0}C zabonetse ku bupimiro bwa Bugarama mu karere ka Rusizi. Naho impuzandengo y'ubushyuhe bwo hasi yari hagati ya 12.4^{0}C (Busogo na Musanze) na 19.2^{0}C (Bugarama). Igice cy'Amajyaruguru ndetse n'icy'Amajyepfo niho hakonje ugereranyije n'igice cy'Iburengerazuba, Iburasirazuba n'Umujyi wa Kigali (Ikarita 3 na 4).



Ikaritaya3: Impuzandengo y'Ubushyuhe bwo hejuru



Ikarita 4: Impuzandengo y'Ubushyuhe bwo hasi

III. Ubuhehere bw'ubutaka (amafoto y'icyogajuru)

Twitegereje amashusho y'icyogajuru ku buhehere bw'ubutaka, biragaragara ko ubuhehere bw'ubutaka bwiyongereye cyane mu kwezi kwa Mata biturutse ku bihe by'imvura byaranze uku kwezi kwa Mata 2020 (**reba Ikarita 5&6**). Ubuhehere bw'ubutaka bukazakomeza kuba bwiza mu kwezi kwa Gicurasi kubera imvura iteganyijwe muri uku kwezi.



Ikarita5 : Werurwe 2020



Ikarita6: Mata 2020

IV. Iteganyagihe ryo kuva ku itariki ya 1 kugera 31 Gicurasi, 2020



Ikarita 7 :Ingano yimvura iteganyijwe muri Gicurasi 2020

Mu kwezi kwa Gicurasi 2020 hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 50 na 250 mu gihugu. Mu turere twa Rubavu, Nyabihu, Musanze, Burera n'igice cy'akarere ka Gakenke hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 201 na 250, mu turere dusigaye tw'Intara y'Iburengerazuba, Intara y'Amajyaruguru, no mu turere twa Nyagatare, Gatsibo, Gasabo, Nyamagabe n'igice cya Nyaruguru hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 151 na 200, mu gihe mu turere twa Kirehe, Ngoma, Bugesera, Gisagara, igice cya Nyanza (Amayaga) hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 50 na 100, ahasigaye hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 101 na 150. Ushaka kumenya neza imvura iteganyijwe buri hantu wakwifashisha ikarita y'iteganyagihe rya Gicurasi 2020.

Ahateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 50 n' 150, iri ku kigero cy'impuzandengo y'imvura isanzwe ihagwa muri Gicurasi naho ahateganyijwe imvura iri hejuru ya milimetero 150, izaba iri hejuru y'impuzandengo y'imvura isanzwe ihagwa muri Gicurasi. Ikigereranyo cy'imvura isanzwe igwa muri Gicurasi iri hagati ya mm 50 na 180 bitewe n'ahantu.

Imvura hafi ya yose iteganyijwe kugwa mu gice cya mbere n'icya kabiri cya Gicurasi (hagati y'itariki ya 1 n'iya 20) ariko cyane cyane mu gice cya mbere (hagati y'itariki ya mbere n'iya 10). Biteganyijwe ko imvura izagabanuka mu gice cya gatatu cya Gicurasi (hagati ya tariki ya 21 na 31) ari naho hateganyijwe kurangira/gucika kw'imvura y'igihembwe cy'Itumba mu Ntara y'Iburasirazuba, Intara y'Amajyepfo no mu Mujyi wa Kigali mu gihe mu Ntara y'Amajyaruguru n'Iburengerazuba iteganyijwe gucika mu gice cya mbere cya Kamena 2020 (hagati y'itariki ya 1 n'iya 10).

Imvura iteganyijwe izaturuka ahanini ku isangano ry'imiyaga (ITCZ) ihurira mu karere u Rwanda ruherereyemo, ariko ikaba iri kwerekeza mu gice cya ruguru cy'Isi.

V. INGARUKA

Imvura yaguye muri Mata yari nyinshi cyane ugereranyije n'isanzwe igwa muri iyi minsi byateje ingaruka zikurikira: Imvura yaguye muri uku kwezi yafashije ibihingwa gukura neza ndetse n'aborozi babona ubwatsi bw'amatungo, Amazu yubatswe ahatameze neza n'adasakaye neza yarasenyutse biturutse ku mvura nyinshi n'umuyaga, hamwe na hamwe mu gihugu habaye imyuzure ndetse n'inkangu kubera imvura nyinshi, imvura nyinshi yo mu kwezi kwa Mata kandi yangije ibihingwa bimwe na bimwe bitwarwa n'isuri ndetse n'imyuzure, inkuba n'imirabyo zakubise zatwaye ubuzima bw'abantu ndetse n'ubw'amatungo muduce tumwe na tumwe mu gihugu.

Ibiteganyijwe muri Gicurasi 2020

Muri Gicurasi, hateganyijwe imvura iringaniye bikazatuma imirimo y'ubuhinzi n'ubworozi ikomeza kugenda neza, ndetse n'amazi akazaboneka ahenshi mu gihugu cyane cyane mu Majyaruguru y'igihugu cyacu.

N.B: Iri teganyagihe rigomba kwifashishwa hagendewe ku risohoka buri nyuma y'amasaha atandatu, irisohoka buri munsi (buri masaha 24), iry'iminsi itatu (3), itanu (5)iry'iminsi irindwi (7) ndetse n'iry'iminsi icumi ritangwa n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda).